

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA Madame Jeannette KAGAME
MU GIKORWA CYO GUFUNGURA KU MUGARAGARO IGICE CYA
MBERE CY'UBUSITANI BW'URWIBUTSO, KU RWIBUTSO RWA
NYANZA-KICUKIRO.**

Kicukiro, ku wa 8 Mata, 2019

- **Ba Nyakubahwa bayobozi mu nzego zitandukanye z'igihugu;**
- **Members of the Diplomatic Corps and Representatives of International Organisations;**
- **Abahagarariye Ingabo na Polisi;**
- **Ubuyobozi bw'Umujiyi wa Kigali n'Akarere ka Kicukiro;**
- **Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG;**
- **Distinguished Representatives of the Kigali Genocide Memorial and Aegis Trust;**
- **Esteemed guests from the Shoah Foundation;**
- **Imiryango y'Abacitse ku icumu mwese muri hano;**
- **Amis du Rwanda;**
- **The creative minds that conceived the symbol that is, this Garden of memory, Bruce Clarke and Ibuka;**
- **Rubyiruko turi kumwe uyu munsi,**

Mwaramutse Neza.

Nejejwe no kubana namwe uyu munsi, by'umwihariko muri iki gikorwa cyo gufungura ku mugaragaro igice cya mbere cy "***Ubusitani bw'Urwibutso – Jardin de la Mémoire***", hano ku rwibutso rwa Nyanza ya Kicukiro.

Twifuje kubaka ubusitani, ahabereye amateka mabi, nk'ikimenyetso kitazasibangana. Ikimenyetso kitwibutsa ko ubuzima bwakomeje, n'ubwo hari abifuzaga ko tuzaheranwa n'urupfu.

Dushyira ibuye ry'ifatizo kuri ubu busitani, hari hashize imyaka ibarirwa ku ntoki, tuvuye muri Jenoside yatumariye abacu, ndetse n'urugamba rwo kuyihagarika no kubohora igihugu. Hari hakiri kare cyane ku buryo abantu batashoboraga no kumva ko ubuzima buzashoboka.

Igitekerezo cya mbere cyari ubusitani bugizwe n'amabuye arenga miliyon i nk'uko byasobanuwe. Twifuzaga rero ikimenyetso kizadufasha gukomera no **gukomeza umutima**.

Uko imyaka yagiye isimburana, icyizere cyo kubaho kigenda kiyongera n'igihugu cyacu gitera imbere, nibwo twatekereje ko ubu busitani bukwiye kugira ikindi gice kitubera **ikimenyetso n'igihango cy'ubuzima**.

Esteemed Guests,

Allow me to express my gratitude to all those who contributed to the conceptualization and development of this Garden of Memory, notably IBUKA, and the team led by our friend and artist Mr. Bruce Clarke.

Through this process of remembrance, we are also seeking, and sharing the truth, about the Genocide against the Tutsi, making it an intentional act, and a powerful mechanism to share our stories of survival and resilience, while fighting the genocidal ideology.

Distingués invités,

Le travail de mémoire autour du Génocide perpétré contre les Tutsi, est à plusieurs égards, très complexe. Il donne naissance à une myriade d'émotions, mais aussi des questions, nécessitant alors un accompagnement de la pensée, du cœur, et de l'esprit.

Il nous faut donc divers endroits appropriés et sereins, tels que ce jardin, qui nous permet de nous recueillir, et continuer à garder présent, le souvenir de ceux qui ne sont plus.

Batumirwa Bacu,

Abashoboye gukurikirana ibiganiro kuri Jenoside byabaye mu cyumweru gishize, mwumvise byinshi bijyanye n'inshingano dufite zo kurinda amateka yacu. Duharanira gukomeza kwibuka no kwimakaza Ubumuntu **“Preserving Memory, Championing Humanity”**.

Rubyiruko, Bana bacu,

Ubu busitani bw' urwibutso,

Bwafumbiwe n'ibitambo by'abacu! **Abatangana.**

Twatabawe n'abacu bwite, “**Bato batari gito**”!

Uko butoshye, tubutambagira, tubibuka,

Butwibutse ko iki gihugu cyacu, **u Rwanda**

Cyubatse ku bitambo bitagira ingano.

Duharanire kuba **Abatanguha** beza b'u Rwanda,

Kugira ngo abato batazongera gupfa ukundi.

Twese duhorane u Rwanda, **ruzima, rutazima.**

Mugire umunsi mwiza!